

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITIRI W'INTEBE

**IKIGANIRO NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE
YAGEJEJE KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO,
IMITWE YOMBI, KU BIKORWA BYA GUVERINOMA
BYEREKERANYE N'INGAMBA ZO GUHANGANA
N'ICYOREZO CYA COVID-19**

Ku wa 21/07/2020

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w’Umutwe w’Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b’Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

1. Nk’uko biteganywa n’ingingo ya 133 y’Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, muri aka kanya, ngiye kubagezaho ikiganiro ku bikorwa bya Guverinoma. Uyu munsu ndibanda ku byerekeranye n’icyorezo cya COVID-19. Ndabagaragariza ingaruka cyagize ku Gihugu cyacu n’ingamba zafashwe zo kukirwanya.

Ku byerekeranye n’amakuru rusange ku cyorezo cya COVID-19 n’amakuru areba u Rwanda by’umwihariko:

2. Mu Kuboza 2019 ni bwo mu Gihugu cy’Ubushinwa, mu Muji wa Wuhan, hagaragaye umubare munini w’abantu bari bafite ibimenyetso by’indwara zifata mu myanya y’ubuhumekero. Ubushakashatsi bwagaragaje ko iyi ndwara yaterwaga na virusi yo mu bwoko bwa Corona. Iyo virusi nshya yahawe izina rya COVID-19.

3. Raporo ya mbere kuri iyi ndwara (situation report) yatangajwe n’Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku Buzima (WHO) ku itariki ya 20 Mutarama 2020. Yari ikubiyemo imibare yo kuva ku itariki ya 30 Ukuboza 2019 kugeza ku itariki ya 20 Mutarama 2020.

4. Muri iyi raporo, ibihugu bine aribyo: Ubushinwa, Ubuyapani, Koreya y'Epfo na Tayilandi nibyo byari bimaze kugeramo icyo cyorezo. Muri ibyo bihugu abarwayi bose hamwe bari 282 barimo Abashinwa 278 banganaga na 98.5%.

5. Ku itariki ya 30 Mutarama 2020, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (WHO) ryatangaje raporo yagaragaje ko icyorezo cya COVID-19 cyari kimaze kugera mu bihugu 19. Umubare w'abarwayi wari umaze kugera ku 7.818 n'abapfuye 170. Ibi byatumye kuri icyo tariki ya 30 Mutarama 2020, Umuyobozi Mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (WHO) atangaza ko COVID-19 ari icyorezo gihangayikishije Isi (Public Health Emergency of International Concern).

6. Yasabye ibihugu byose gushyiraho ingamba zo kugikumira no kukirwanya. Aha ndagira ngo mbatangarize ba Nyakubahwa muteraniye hano ko twe nka Guverinoma y'u Rwanda twari twatangiye gutekereza icyo twazakora igihe kizatugeraho n'ubwo kitari cyakageze mu Rwanda.

7. Ku itariki ya 11 Werurwe 2020, imibare y'abarwaye COVID-19 yari imaze kugera ku 118.319, mu bihugu 113 biri ku migabane yose. Iki cyorezo cyari kimaze no guhitana abangana na 3.162. Ibi byatumye Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima ritangaza ko COVID-19 ari icyorezo cyakwiriye Isi yose (Pandemic) kibasira abantu b'ingeri zose, ariko by'umwihariko kikazahaza abageze mu zabukuru cyangwa abasanzwe bafite izindi ndwara zikomeye. Icyo gihe niko byavugwaga.

8. Kugeza ejo ku itariki ya 20 Nyakanga 2020, imibare yatangajwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (WHO) yagaragaje ko abari bamaze kwandura COVID-19 ku rwego rw'Isi, bari bamaze kurenga 14.000.000. Harimo benshi bo ku migabane igiye inyuranye ntari bwirirwe mvuga hano kuko aya ni amakuru agaragarira twese.

9. Ku birebana n'umugabane wa Afurika, abamaze kwandura barenze 590.000 n'aho abapfuye bakaba barenga gato 9.000.

10. COVID-19 yagiye yibasira ahantu hamwe kurusha ahandi (Epicenter), duhereye aho yatangiriye mu Bushinwa, aho yakomereje mu bihugu byo ku mugabane w'Uburayi, ibyo ku mugabane wa Amerika, cyane cyane Igihugu cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ibyo muri Afurika ndetse no mu Rwanda cyatugezeho.

11. Ku birebana n'u Rwanda, ku itariki 23 Gashyantare 2020, nyuma y'igihe Guverinoma y'u Rwanda yari imaze ishakisha ibisubizo byo kugira ngo twitegure icyazatuma turwanya icyorezo cya COVID-19 mu gihe cyaba kitugezeho, twasanze ari ngombwa ko dushyiraho itsinda ryihariye rihuriweho na za Minisitiri zitandukanye kugira ngo rikurikirane ibikorwa byo kurwanya iki cyorezo.

12. Iryo tsinda kandi ryari rikuriwe n'Iburo bya Minisitiri w'Intebe. Iyo twita *National Steering Committee on COVID-19*. Minsi yayo hari itsinda rikora isegonda ku rindi, riyobowe na Minisitiri y'Ubuzima ifatanyije n'izindi nzego kuko nk'uko mubizi icyorezo ni kigari cyane; ntabwo Minisitiri imwe yonyine yakora ibyo dusabwa gukora kugira ngo tukirwanye.

13. Ku itariki ya 11 Werurwe 2020, ni bwo Guverinoma yashyizeho urwo rwego ruhuza inzego zitandukanye za Leta rushingwa by’umwihariko gukurikirana umunsi ku wundi ibikorwa byo kurwanya COVID-19 (National Command Post). Uru rwego rwahawe ibikenewe byose harimo aho gukorera, imodoka zibafasha mu bikorwa byo gukurikira abahuye n’abanduye COVID-19 (contact tracing) n’ibindi.

14. Mu Rwanda, umurwayi wa mbere wagaragaweho COVID-19, yabonetse ku itariki ya 14 Werurwe 2020. Ni umunyamahanga wari umaze iminsi akoreye urugendo hanze y’Igihugu.

15. Ku itariki ya 14 Werurwe 2020, Guverinoma yashyize ahagaragara ingamba zikurikira zo guhangana na COVID-19:

- Kuva ku itariki ya 15 Werurwe 2020 insengero zarafunzwe;
- Kuva ku itariki ya 16 Werurwe 2020, amashuri ya Leta n’ayigenga, mu byiciro byose, yarafunzwe;
- Abakozi bo mu nzego za Leta n’iz’abikorera, basabwe gukorera mu rugo, aho bishoboka;
- Amahuriro y’abantu benshi nk’imikino n’ubukwe byarahagaritswe;
- Umubare w’abitabira imihango yo gushyingura waragabanyijwe ugera ku bantu 30;
- Ingendo zitari ngombwa zarahagaritswe;
- Abanyarwanda bashishikarijwe kurushaho kugira umuco wo gukaraba intoki, kwisukura muri rusange, ndetse no kubahiriza intera hagati yabo.

16. Ku itariki ya 21 Werurwe 2020, Guverinoma yashyizeho gahunda ya “Guma mu Rugo” (lockdown). Ibikorwa byinshi birimo ingendo hagati y’Umujyi wa Kigali n’Intara, amasoko, amaduka, imipaka, n’amahoteri byose byarahagaritswe, mu gihe cyagombaga kumara ibyumweru bibiri.

17. Icyo gihe cyagiye cyongerwa bitewe n’ibyabaga byagaragajwe n’isesengura ry’inzeho zibishinzwe. Gahunda ya Guma mu Rugo bwari uburyo bwizewe bugabanya ikwirakwira ry’ibyorezo byandura nka COVID-19. Guverinoma yashyizeho iyi gahunda kugira ngo irinde ikwirakwira rya COVID-19 mu baturage bose kandi inadufashe gukurikirana abayanduye.

18. Gahunda ya Guma mu Rugo ikomeje gushyirwa mu bikorwa aho bigaragara ko COVID-19 yibasiye. Ni nayo mpamvu mu minsi yashize ndetse no mu ijoro ryakeye hari indi Midugudu yashyizwe muri gahunda ya Guma mu Rugo. Ibi bikorwa nyuma y’ubugenzuzi n’isesengura bikorwa n’inzeho z’ubuzima.

19. Ku itariki ya 30 Mata 2020, Guverinoma yafashe icyemezo cyo koroshya gahunda ya “Guma mu Rugo”; bityo guhera ku itariki ya 4 Gicurasi 2020 ibikorwa bimwe na bimwe byari byarafunzwe byongera gusubukurwa. Ni nabwo hatangiye gupimwa abantu benshi no kwambara agapfukamunwa igihe cyose umuntu agiye aho ahurira n’abandi bantu.

20. Kugeza ejo ku itariki ya 20 Nyakanga 2020, abari bamaze gupimwa COVID-19 bari 214.000. Muri bo abantu 1.629 nibo bamaze kwandura COVID-19 guhera tariki ya 14/03/2020 ubwo habonekaga umuntu wa mbere urwaye.

21. Abangana na 786 nibo bakirwaye bakaba barimo kwitabwaho mu bigo bivurirwamo abarwayi. Abantu 838 barakize basubira mu miryango yabo. Kugeza ubu abagera kuri 5 nibo bamaze guhitanywa na COVID-19.

22. Guverinoma irashimira by'umwihariko Abanyarwanda muri rusange uburyo bubahiriza amabwiriza yo kurwanya COVID-19. Turashimira kandi ubufatanye bagaragaje mu gukorana n'inzego za Leta, by'umwihariko inzego z'ubuzima, inzego z'ibanze n'inzego z'umutekano.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

23. Biragaragara ko iyi ndwara ishobora kuzatinda gushira mu Gihugu no ku Isi muri rusange, bikaba bidusaba kumenyera kubana nayo. Ni muri urwo rwego, inzego zibishinzwe zirimo kunoza ingamba zo guhangana na COVID-19 kuva ku rwego rw'Igihugu kugera ku Mudugudu.

24. Mu rwego rwo kurushaho kurwanya COVID-19, ku rwego rw'Igihugu, Guverinoma yashyizeho ibigo byihariye bivura abantu bayanduye (Treatment centers). Kugeza ubu, dufite ibigo 17 bivura abarwayi (Treatment centers) bifite ubushobozi bwo kwakira abantu 1.767 n'ibigo 11 bicumbikira abakekwaho uburwayi bwa COVID-19 (quarantine/isolation sites) bifite ubushobozi bwo kwakira abantu 500.

Hirya no hino ku mipaka, hari ibigo bigera kuri 31 bicumbikira abinjiye mu Gihugu (quarantine sites).

25. Ibitaro byo mu Rwanda byaba ibya Leta ndetse n'iby'abikorera bifite ubushobozi bwo kwakira no kuvura abarwayi ba COVID-19 igihe byaba byiyambajwe. Byose hamwe bifite ubushobozi bwo kwakira abantu 280.

26. Mu bice bitandukanye by'Igihugu, hashyizweho laboratwari 7 zo gupima COVID-19 arizo: Rwamagana, Rusizi, Nyagatare, Rubavu, Kirehe, Ibitaro Bikuru bya Kaminuza i Butare n'Ibitaro Bikuru bya Gisirikare i Kanombe. Izi laboratwari zunganira iyo ku rwego rw'Igihugu. Ibi byazamuye ingano z'ibipimo bifatwa, ubu tukaba dufite ubushobozi bwo gupima abantu barenga ibihumbi 5 ku muni.

27. Guverinoma kandi ikomeje gushishikariza abantu kurushaho kubahiriza ingamba zo kwirinda COVID-19:

- Kwambara neza agapfukamunwa igihe cyose umuntu agiye aho ahurira n'abandi bantu;
- Gukaraba kenshi intoki n'amazi n'isabune cyangwa gukoresha umuti wabugenewe;
- Gushyira intera hagati y'umuntu n'undi;
- Gukomeza gushishikariza abantu n'inzego kubahiriza amabwiriza yo kwirinda, cyane cyane mu bikorwa byasubukuwe;
- Gushishikariza abantu kwitabira uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwishyurana;

28. Muri uyu mwanya ndagira ngo mbagezeho ingaruka COVID-19 yagize ku rwego rw'ubukungu, imibereho myiza n'imiyoborere. Ndaza kandi kubabwira n'ingamba Guverinoma yafashe.

Ku byerekeranye n'ubukungu muri rusange:

29. Muri Mata 2020, Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) cyagaragaje ko kubera COVID-19, ubukungu bw'Isi buzagabanuka ku kigero cya 3.0%. Muri Kamena 2020, iki Kigega cyasubiyemo iyi mibare, kigaragaza ko ubukungu bw'Isi muri uyu mwaka wa 2020, buzarusaho kuzahara bukamanuka ku kigero cya -4.9%. Ikigereranyo cy'izamuka ry'ubukungu ku Isi muri 2021 nacyo cyaragabanyutse kiva kuri 5,8% kigera kuri 5,4%.

30. Iterambere ry'ubukungu muri Afurika yo munsu y'Ubutayu bwa Sahara (Sub-Saharan Africa) riteganyijwe gusubira inyuma ku kigero cya -3,2% muri 2020 rikazazamuka rikagera kuri 3,4% muri 2021.

31. Mu Rwanda ho, nyuma y'izamuka ry'ubukungu ku gipimo cya 9.4% mu mwaka wa 2019 ndetse na 7.2% mu myaka 10 yawubanjirije, biragaragara ko muri uyu mwaka wa 2020, uwo muvuduko uzagabanuka bitewe n'ingaruka za COVID-19 ku Isi ndetse no mu Gihugu cyacu. icyiza ni uko uwo muvuduko utazaba uri munsu ya zeru nk'uko tumaze kubibona ahandi.

32. Mu 2020, ubukungu bwacu buteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya 2%. Mu 2021 buzazamuka ku kigero cya 6.3% mbere yo kugera ku gipimo cya 8% muri 2022.

33. Biteganyijwe ko urwego rw'ubuhinzi ruziyongera ku kigero cya 2,8% muri 2020 kivuye kuri 5% muri 2019. Urwego rw'inganda ruziyongera ku kigero cya 4% muri 2020 kivuye kuri 16,5% muri 2019. Urwego rwa serivisi ruziyongera ku kigero cya 1% muri 2020 kivuye kuri 8,2% muri 2019.

34. Mu gihembwe cya mbere cya 2020, ubukungu bwazamutse ku kigero cya 3,6% ugereranyije na 6,1% yo mu gihembwe cya mbere mu 2019.

35. Urebeye ku bipimo byifashishwa mu kureba imizamukire y'ubukungu byo muri Mata na Gicurasi 2020, ingaruka zikomeye za COVID-19 ku bukungu zigaragara cyane mu gihembwe cya kabiri.

36. Ikigereranyo cyerekana ibikorwa by'ubukungu (Composite Index of Economic Activities) cyagabanutse ku kigero cya 18.3% mu gihe igicuruzo (turnovers) cyagabanutse ku kigero cya 24% muri Mata na Gicurasi. Ihungabana rikomeye rigaragara kuri serivisi zagabanutse ku kigero cya 29.2% ku gicuruzo.

37. icyakora, ugereraniye Gicurasi na Mata, hari ibimenyetso byerekana ko ubukungu butangiye kuzahuka. Igicuruzo mu nganda kiyongereyeho 2,3% muri Gicurasi ugereraniye n'uko cyari cyaraguye ku kigero cya 21,3% muri Mata 2020. Igicuruzo cya serivisi cyagabanutse ku kigero cya 24% muri Gicurasi bitandukanye no kugabanuka kwa 36,6% muri Mata 2019.

38. Ku bucuruzi n'amahanga, icyuho mu bucuruzi (trade deficit) cyiyongereyeho 4,8%, hagati ya Mutarama na Gicurasi 2020 ugereranije na Mutarama-Gicurasi 2019.

39. Kuva muri Mutarama kugeza Gicurasi 2020, ibicuruzwa bishya byoherezwa mu mahanga (Non-traditional exports) byagabanutse ku kigero cya 50.2%. Ibimenyerewe koherezwa mu mahanga (Traditional exports), nabyo byagabanutse ku kigero cya 30% n'ubwo ubwiyongere bw'icyayi cyoherezwa mu mahanga bwiyongereye ku kigero cya 14,9% bitewe no kuzamuka kw'igiciro cyacyo ku kigero cya 6,7%.

40. Ikawa yoherezwa mu mahanga yagabanutse ku kigero cya 53,6%, naho amabuye y'agaciro agabanuka ku kigero cya 53.1%. Ibi byatewe n'igabanuka ry'ibicuruzwa byoherejwe hanze ndetse n'igwa ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga mu buryo bukurikira: Ikawa: -2,3%, Coltan: -0,5%, Wolfram: -14% na Cassiterite: -18,9%.

41. Ibitumizwa mu mahanga nabyo byagizweho ingaruka na COVID-19, Iyo tuvuga ubucuruzi mpuzamahanga hari ibyo tugura, hari n'ibyo twohereza; ariko nk'uko mubizi iki gihe cyabaye icyo kugura ibikoresho byinshi bijyanye n'inzego z'ubuzima kugira ngo duhashye iki cyorezo.

42. COVID-19 yagabanyije ubucuruzi n'akarere u Rwanda ruherereyemo (EAC na DRC) ku kigero cya 244,9%. Ibi byateje igihombo (deficit) cya miliyoni 57,7 z'Amadolari y'Amerika bivuye ku nyungu (surplus) yabaga yitezwe iyo ubucuruzi butahungabanye.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w’Umutwe w’Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b’Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

Ku birebana n’ubuhinzi n’ubworozi:

43. Ubworozi bw’inka zitanga amata bwagizweho ingaruka na COVID-19. Mu gihe cya Guma mu Rugo, amata agemurwa ku makusanyirizo y’amata (MCCs) yagabanutseho 35%.

44. Amakusanyirizo 22 kuri 132 yahagaritse gukora, mu gihe n’amwe muyakoraga yakoraga gusa hagati y’iminsi ibiri n’itatu mu cyumweru. Umukamo ungana na litiro ibihumbi ijana (100,000) ku munsu waburiwe isoko. Ibi byatewe n’isoko ridahagije ku mata y’inshyushyu ndetse n’ibiyakomokaho byaciye mu nganda.

45. Ibyo byatumye mu gihe cya Guma mu Rugo, zimwe mu nganda nini zitunganya amata zikora ku kigero kiri munsu ya 50%. Naho 53% by’inganda nto n’iziciriritse zahagaritse gukora mu gihe cya Guma mu Rugo. Ku rwego rw’Igihugu, inka zijyanwa mu mabagiro zagabanyutse ku kigero cya 50%. Ibi byatumye ibiciro by’inyama bizamuka.

46. Mu ntangiriro y’icyorezo cya COVID-19 mu Rwanda, ubucuruzi bw’amagi bwarahungabanye kuko bwagabanyutse ku kigero cya 70%. Ibi byatumye hashyirwaho ingamba zo kuzahura ubucuruzi bw’amagi. Ishyirwa mu bikorwa ry’izi ngamba ryatumye ubucuruzi bw’amagi buzamuka bugera kuri 60% buvuye kuri 30% gusa.

47. Mu gihe cya gahunda ya Guma mu Rugo, isoko ry'inkoko ryagabanyutse ku kigero cya 85,4%. COVID-19 yatumye inganda zitunganya ibiryo by'amatungo zikora muni ya 40% y'ubushobozi bwazo.

48. Ku birebana n'ubukerarugendo: Muri Mutarama na Gashyantare 2020, ubukerarugendo bwazamukaga ku kigero kimwe no muri 2019. Ingaruka muri uru rwego zatangiye kugaragara muri Werurwe 2020, ubwo ubukerarugendo bwagabanyutse ku gipimo cya 54%. Muri Mata, Gicurasi na Kamena 2020, umubare wa bamukerarugendo n'amafaranga yinjizwaga n'ubukerarugendo byagabanutse ku kigero cya 99%. Kuva muri Mutarama kugeza muri Kamena 2020, ubukerarugendo bwari bumaze guhomba angana na 58%.

49. Kuva muri Werurwe 2020 kugeza uyu muni, hamaze guhagarikwa cyangwa gusubikwa inama (events) 70 uko icyorezo cyakomeje kwiyongera. Ibi bimaze gutera igihombo kigera kuri miliyoni mirongo inani z'amadorari y'Amerika (US\$ 80M.)

50. Kuva tariki ya 17 Kamena 2020, ubwo hasubukurwaga ibikorwa by'ubukerarugendo, kugeza ku ya 15 Nyakanga 2020, abantu 1.176 bamaze gusura ahantu nyaburanga hatandukanye muri za parike z'Igihugu. Abashyitsi basaga 3.000 bamaze kwakirwa no gucumbikirwa ahantu hanyuranye. Muri Kamena 2020, hateranye inama 50.

51. Ubukerarugendo bw'imbere mu Gihugu uhereye tariki ya 17 Kamena kugeza ku ya 13 Nyakanga 2020, bwazamutseho 42% ugereranyije n'igihe nk'icyo mu 2019. Naho amafaranga ava muri za Parike z'Igihugu amaze kugera ku kigero cya 4% gusa ugereranyije n'ayinjijwe mu gihe nk'icyo umwaka ushize.

Mu rwego rw'ibikorwaremezo:

52. Ku birebana n'ubwikorezi bwo mu kirere, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019/20, COVID-19 yateje igihombo kingana n'amafaranga agera hafi kuri miliyari 8 z'Amanyarwanda. Hari hateganyijwe kwinjira agera kuri miliyari 26 ariko hinjiye miliyari 18 gusa. Iki gihombo cyatewe ahanini n'igabanuka ry'ingendo z'indege zitwara abagenzi zikoresha ibibuga by'indege by'u Rwanda, aho zagabanutse ku kigero cya 90%.

53. Mu 2019/2020, hari hateganyijwe ingendo z'indege 27.680 zikoresha ikibuga mpuzamahanga cya Kigali zishyura amahoro (landing fees), hakoze ingendo 22.577 gusa, ni ukuvuga ko ingendo zagabanyutseho 18%.

54. Mu 2019/2020, ku bijyanye n'indege zitwara imizigo, hatwawe toni 11.106 kuri toni 15.904 zari ziteganyijwe, ni ukuvuga igabanuka rya 30% ry'imizigo yari iteganyijwe gutwarwa.

55. Ku birebana n'ubwikorezi bwo ku butaka, nyuma y'uko COVID-19 igeze mu Rwanda, serivisi zo gutwara abantu zahagaritswe mu gihe cy'amezi abiri. Aho zikomorewe, mu rwego rwo kwirinda ikwirakwira rya COVID-19, umubare w'abagenzi mu modoka wagabanyijweho 50%. Ibi byatumye ibiciro by'ingendo byiyongeraho 45% mu Mujyi wa Kigali na 47% mu Ntara.

56. Ku birebana n'amashanyarazi, kubera igabanyuka ry'ikoreshwa ryayo, bitewe ahanini n'ibikorwa by'ubukungu bitakoraga, byateye igihombo cy'amafaranga y'Amanyarwanda angana na miliyari 4 yaturukaga ku ikoreshwa ry'amashanyarazi.

57. Muri rusange imishinga yo gutunganya no gukwirakwiza amashanyarazi n'imishinga y'amazi, isuku n'isukura yagombaga kurangira mu ngengo y'imari ya 2019/2020 yaradindiye kubera COVID-19.

58. Ku bijyanye na serivisi z'amazi, amafaranga yinjiraga aturutse mu kugurisha amazi yaragabanyutse. Twavugaga nko mu kwezi kwa kane, igihe cya gahunda ya Guma mu Rugo aho hinjiye agera kuri miliyoni 900 FRW ugereranyije na miliyari 2 FRW zari ziteganyijwe. Ikindi kandi, ubushobozi bwo kwishyura amazi kuri bamwe mu bafatabuguzi bwagabanyutse.

59. Ku byerekeranye n'ingaruka za COVID-19 ku bwubatsi muri rusange: Ubwubatsi bwahuye n'imbogamizi zitandukanye. Uruhererekane (Supply Chain) rw'ibikoresho by'ubwubatsi ndetse n'ubwikorezi bwabyo byarahungabanye. Ibi byatumye igiciro cyabyo kiyongera. Urugero ni nka sima yazamutse ku kigero kiri hejuru ya 35%.

60. Ku birebana n'ibikorwa by'ishoramari: icyorezo cya COVID-19 cyatumye ibikorwa bimwe na bimwe by'ishoramari bigenda gahoro ndetse ibindi biradindira. Ingendo abashoramari bakoraga zarahagaze cyane cyane kuva muri Werurwe 2020 ubwo ingendo z'indege zahagararaga n'imipaka y'Igihugu igafungwa. Ibyo byatumye bamwe mu bashoramari bagombaga kuza gukurikirana ibikorwa bashakaga gukorera mu Rwanda batabona uko baza ndetse n'abari mu Gihugu ntibabasha gukora ibyo bari bateganyije mu Ntara zinyuranye z'Igihugu.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

61. Muri uyu mwanya ndangira ngo mbagezeho zimwe mu ngamba Guverinoma y'u Rwanda yafashe mu rwego rwo kwirinda COVID-19, cyane cyane izo mu rwego rw'ubukungu.

62. Ku birebana na Gahunda yo kuzahura ubukungu no kwihaza mu buryo buciriritse n'uburambye (Medium to long term), Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho gahunda yo kuzahura ubukungu hagamijwe, mbere na mbere, gufasha ibikorwa byazahajwe na COVID-19 (Economic Recovery and Resilience Plan). Iyi gahunda yatangiye gushyirwa mu bikorwa guhera muri Gicurasi 2020 ikazageza mu Ukuboza 2021 ku birebana n'igihe giciriritse (Medium term).

63. Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ingamba zo kuzahura ubukungu, Guverinoma yashyizeho ikigega cyo kunganira abikorera bahuye n'ingaruka za COVID-19. Hashyizweho kandi komite (Manufacturing Acceleration Sub-Committee) ishinzwe kureba uko inganda z'imbere mu Gihugu zakongera ubushobozi bwo gukora ibyo Igihugu gikeneye (Must have products).

64. Ku bijyanye n'imisoro, byagaragaye ko icyorezo kizatera igabanyuka ry'imisoro n'amahoro by'imbere mu Gihugu, bitewe n'uko ibikorwa

by'ubukungu nabyo byahungabanye. Muri rusange, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019/20 na 2020/21, u Rwanda ruzahomba miliyari 590 z'amafaranga y'u Rwanda (harimo n'imisoro) bitewe n'icyorezo cya COVID-19.

65. Ndifuzza kubamenyesha ko, kubera COVID-19, igihombo cy'imisoro cyari giteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2019/2020 cyari miliyari 193 z'Amanyarwanda. icyakora, twabonye imisoro y'inyongera ingana na miliyari 107 z'Amanyarwanda. Ibi byatumye igihombo kiba gusa miliyari 86 z'Amanyarwanda, kikaba kidakanganye.

66. Hagamijwe kuziba icyo cyuho, Guverinoma yahisemo kongera inguzanyo z'imbere mu Gihugu ndetse n'iziva hanze ari nako yita ku micungire yazo mu buryo bufasha ubukungu (keeping debt at a sustainable level).

67. Muri uru rwego, miliyoni 555 z'Amadolari y'Amerika zirimo gukusanywa n'abafatanyabikorwa mu iterambere batandukanye. Mu mpera za Kamena 2020, muri izi miliyoni 555 z'Amadolari y'Amerika, twakiriye agera kuri miliyoni 360. Amafaranga asigaye biteganyijwe ko azatangwa mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2020/2021.

- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

68. Mu rwego rwo kunganira abikorera bagizweho ingaruka na COVID-19, kuva tariki ya 18 Werurwe 2020, Guverinoma yahagaritse gukora igenzura risesuye (Comprehensive Audit) n’igenzura ku misoro n’amahoro bya gasutamo (Post Clearance Audit), mu gihe cy’ukwezi kumwe, kugira ngo bigabanye igitutu no kwegerana kw’abasoresha n’abasora.

69. Kwemeza ibitabo by’ibaruramari ry’umwaka byongerewe igihe cy’amezi abiri kugeza ku ya 31 Gicurasi 2020.

70. Abasora bose basaba ubwumvikane (amicable settlement) mu gukemura ibibazo by’imisoro boroherejwe kutishyura avansi ya 25% y’umusoro wose baciwe mbere yo kubikemura mu bwumvikane nk’uko byari bisanzwe bigenda.

71. Igihe cyo kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku nyungu zabonetse mu mwaka wa 2019 cyarongerewe. Nko ku basora bato n’abaciriritse cyiyongereyeho ukwezi kumwe kigeza ku itariki ya 30 Mata 2020.

72. Guhera tariki ya 27 Mata 2020, serivisi zose za gasutamo zatangirwaga i Kigali n’ahandi hose imbere mu Gihugu zatangiye gutangirwa ku mipaka ibicuruzwa byinjiriyeho.

73. Abakozi bo mu bigo by'amashuri yigenga bahembwa atarenze FRW 150.000 (net salary) basonewe umusoro ku bihembo by'abakozi (TPR/PAYE) mu gihe cy'amezi 6 (Mata- Nzeri 2020).

74. Naho abakozi b'abasora babarizwa mu bijyanye n'ubukerarugendo cyangwa amahoteli basonewe uwo musoro ku bihembo mu gihe cy'amezi 3 (Mata- Kamena 2020), ariko Leta ikaba igenda ireba n'uburyo cyakongerwa kugira ngo tubanze tubyutse urwo rwego rw'ishoramari rwazahaye cyane.

75. Udupfukamunwa dukorerwa mu Rwanda twasonewe umusoro ku nyongeragaciro (VAT).

76. Ku byerekeranye n'urwego rw'imari (Financial Sector): Kuri gahunda dusanganywe zo gufasha amabanki kugira amafaranga ahagije, Banki Nkuru y'Igihugu yakoze ibi bikurikira:

- Yashyizeho inguzanyo y'ingoboka yishyurwa mu gihe kisumbuye ku gisanzwe ya miliyari mirongo itanu (FRW 50.000.000.000) z'Amanyarwanda (Extended lending facilities) Banki zakwiyambaza zigize ikibazo cy'amafaranga. Iyo nguzanyo ikaba yamara igihe kingana n'amezi atatu, atandatu cyangwa cumi n'abiri.
- Mu rwego rwo gufasha amabanki gukomeza gufasha inzego z'ubucuruzi zazahungabanywa na COVID-19, kuva ku itariki ya mbere Mata 2020, Banki Nkuru y'Igihugu, yemeje ko igipimo gitegetswe cy'amafaranga y'ubwizigame banki zitajya munsu (Bank Reserve Requirement), kiva kuri 5% kikajya kuri 4%.
- Ibi byatumye Banki zibona miliyari 23 z'Amanyarwanda, bityo biziha ubushobozi bwo gushyigikira ubucuruzi bwibasiwe na COVID-19.

77. Banki Nkuru y'Igihugu kandi yagabanyije inyungu fatizo igurizaho amabanki (Central Bank Rate - CBR), iyishyira kuri 4.5% ivuye kuri 5%.

78. Amabanki n'ibigo by'imari byemeye kongerera igihe cyo kwishyura abazibereyemo umwenda bagizweho ingaruka na COVID-19.

79. Hemejwe kandi ko nta kiguzi kizongera gucibwa abantu bahererekanya amafaranga bakoresheje Mobile Money.

80. Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho **Ikigega Nzahurabukungu (Economic Recovery Fund)** mu rwego rwo gushyigikira ibikorwa by'ubucuruzi (businesses) bwibasiwe n'ingaruka za COVID-19 kugira ngo bishobore kubaho, gusubukurwa no gukomeza guhamba abakozi.

81. Amafaranga ateganyijwe kujya muri iki kigega arenga miliyoni 200 y'Amadolari y'Amerika azakenerwa kugira ngo afashe ibikorwa by'ubucuruzi (businesses) ari ibinini, ibito n'ibiciriritse guhangana n'ingaruka za COVID-19.

82. Iki kigega cyatangiyeye gukora ku ya 8 Kamena 2020 gitangirana imari shingiro ya miliyari 100 z'Amanyarwanda yatanzwe na Leta y'u Rwanda mu gihe ikomeje gukangurira abandi bafatanyabikorwa gutera inkunga iki kigega. Kikazamara imyaka 4.

83. Kugeza mu mpera za Gicurasi 2020, inkunga yasaranganyijwe ku buryo bukurikira:

Amahoteri yateganyirijwe miliyari mirongo itanu z’Amanyarwanda (FRW **50Bn**);

- **Ibigi binini:** Miliyari 30 (Working capital for large corporates: FRW 30Bln);
- **Ibigi bito n'ibiciriritse:** Miliyari 15 (Working capital for SMEs: FRW 15Bln);
- Ingwate igenewe Ibigi bito n'ibiciriritse: Miliyari 3 (SME Guarantee Scheme: FRW 3Bln);
- Ibikorwa bito bikorana n'Ibigi bito by'imari: Miliyari 1 (Working Capital for Micro SMEs under MFIs: FRW 1Bln);
- Ibikorwa bito bikorana na SACCOs: Miliyari ebyiri (Working capital for Micro Businesses under SACCOs: FRW 2Bln).

84. Leta y'u Rwanda kandi yashyizeho itsinda ry'inzobere (Manufacturing Acceleration Sub-Committee) rishinzwe kureba uko inganda z'imbere mu Gihugu zakongera ubushobozi mu kwihutisha gukora ibyo Igihugu gikeneye (Must have products). Muri ibi hakubiyemo gutunganya ibikomoka ku buhinzi (Agro-Processing), gukora ibikoresho by'ubwubatsi (Construction materials) no gukora ibindi bikenewe (light manufacturing).

85. Mu rwego rw'Ubuhanzi n'Ubworozi, Ikigega cy'ingoboka (Strategic Food Reserve) kizongererwa ubushobozi bwo guhunika imyaka. Iyi gahunda kandi izakomeza. Iki kigega cyagize akamaro gakomeye cyane

mu gihe cya Guma mu Rugo aho cyafashije Igihugu kugaburira abari bagizweho ingaruka zikomeye na COVID-19.

86. Ntabwo byaje nk'inkunga, ni ibiribwa byavuye mu Kigega cy'Ingoboka cy'Igihugu cyacu, ubu rero tukaba dufite gahunda yo kubyongera ku buryo byose byuzura igihe haba ari COVID-19 cyangwa n'ikindi cyorezo cyatuma Abanyarwanda babura icyo barya dushobora kubagaburira nk'Igihugu. Dufite rero gahunda yo kongeramo nibura toni 6.000 z'ibigori na toni 5.000 z'ibishyimbo ziza zisanga ibisanzwemo tugenda tunganisha kuzuzura ubushobozi bw'Ikigega cy'Ingoboka cy'Igihugu.

87. Mu rwego rwo kongera kubyutsa ubworozi, hateganyijwe ingamba zikurikira:

- Gufasha aborozi kubona byihuse ibyumba bikonjesha inyama binyuze mu Kigega cyo kuzahura ubukungu.
- Gushora imari mu bubiko bw'ibiryo by'amatungo.
- Gukomeza gukangurira aborozi kwishyira hamwe mu rwego rwo kugeza umusaruro w'amata ku nganda ziyatunganya.
- Guteza imbere ubucuruzi bw'amata n'ibihugu duhana imbibi.
- Gukomeza gushishikariza abikorera gushora imari mu ruganda rwatunganya amata y'ifu.

88. Mu rwego rw'ibikorwaremezo: Hashyizweho itsinda ku rwego rw'Igihugu (Steering Committee) rikurikirana ubucuruzi bwambukiranya imipaka hagamijwe kwirinda ikwirakwira rya COVID-19.

89. Hashyizweho uburyo bwo koroshya ubuhahirane hagati mu Gihugu (Domestic trade) ku bufatanye n’abikorera kugira ngo ibiribwa ndetse n’ibindi bicuruzwa bigere ku babikeneye.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w’Umutwe w’Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b’Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

90. Ingamba zo ni nyinshi cyane zafashwe mu nzego zose z’ubuzima bw’Igihugu, ndagira ngo mbabwire ko icyorezo cya COVID-19 n’ubwo cyahungabanyije Igihugu mu mibereho yacyo, ariko Leta yakoze ibyo ishoboye byose kugira ngo ikomeze kukirwanya, uhereye ku rwego rw’ubuzima rwakoze akazi keza, urwego rw’ubukungu narwo rwakoze akazi keza, urwego rw’ibikorwaremezo, urwego rw’uburezi n’ubwo amashuri yahagaze, dukomeje imyiteguro kugira ngo azafungurwe twarashyizeho ingamba zo kurinda abana bacu.

91. Hari byinshi birimo gukorwa dutegura ko igihe bizaba bimaze kugaragara ko amashuri ashobora gukingura, abana bazajye ku ishuri bameze neza, kandi bakazagenda nibura n’ibikorwaremezo hari icyo twabikozeho.

92. Muri iki gihe hari gahunda ikomeye yo kubaka amashuri. Nka Leta nta mwanya wo gutakaza tugira. Ubu mu gihe abana batiga ni uburyo twabonye bwo kubaka amashuri kubera ko abana batakwigira muri *chantier* irimo kubakwa. Ubu twiyemeje kubaka amashuri menshi cyane.

Turizera ko igihe cyo kuyarangiza na COVID izaba igabanuka bityo abana bagasubira ku ishuri ibikorwaremezo by'amashuri byarateye imbere.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

93. Ndagira ngo munyemereye mpagarikire aha, hanyuma mubyemeye twaganira ku bindi nasobanuye mu buryo burambuye.

Murakoze cyane.